

REPUBLIKA Y'URWANDA
PEREFEGITURA Y'UMUJYI WA
KIGALI
UBUYOBOZI BW'URUBYIRUKO
IMIKINO, UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE.

Kigali, le 25/05/98

A traiter par	
Date entrée :	29/5/98
N° Classement :	209/98

*Innocent
Accuser réception
Encourages
Ephraïm de Ndayishimiye
et Informes
qui de droit
- s'il ya des
Remarques
ne manguez à faire.
29.05.98*

Nyakubahwa Bwana Minisitiri
w'Urubyiruko, Siporo, Umuco
no Kwigisha Imyuga Iciriritse.
KIGALI.

Impamvu: Kohereza gahunda y'ibikorwa
by'umwaka w' 1998 n'ibyako
zwe mu gihebwe cya mbere 1998.

Nyakubahwa Minisitiri,

Hamwe n'uru rwandiko mboherereje
gahunda y'ibizakorwa mu mwaka w' 1998, n'ibyakoze mu gihembwe cya mbere 1998
m'Ubuyobozi bw'Urubyiruko, Imikino, Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse muri
Perefegitura y'Umujyi wa Kigali.

Nyakubahwa Minisitiri nk'uko mubibona
iyi raporo yoherejwe ikererewe, byatewe n'ibibazo byo kubura uburyo bwihuse bwo
kwandikisha ku mashini.

Mugire amahoro.

Umuyobozi w'Urubyiruko, Imikino,
Umuco, no Kwigisha Imyuga
Iciriritse mu mujyi wa Kigali

MUNYARUSISIRO Norbert.
P. O. **KALISA** Hussein
Umuyobozi w'urubyiruko ushinze Imikino

Bimenyeshye:

- Bwana Perefeta wa Perefegitura
y'Umujyi wa Kigali
KIGALI.



RAPORO Y'IGIHEBWE CYA MBERE 1998.

MU RWEGO RW'IMIKINO.

Muri uyu mwaka w'1998, Ubuyobozi b'Urubyiruko, Imikino, Umuco no Kwigisha Imyuga iciritse mu Mujyi wa Kigali, mu rwego rw'Imikino, twawutangiranye n'ibikorwa 3 byingenzi.

1. Twakomeje irushanwa dufatanyaga n'urubyiruko rw'Abayisiramurwitwa A.J.M.R., irushanwa ryitwa Iddi Cup ry'umupira w'amaguru.
2. Twakoze nanone descente gusura za Club z'imikino arizo Club RAFIKI na Club UGACORWA Boxing Club.
3. Twakoresheje irushanwa ry'isiganwa ry'amagare mu Mujyi wa Kigali dufatanije na Fédération y'Isiganwa ry'Amagare na SULFO Rwanda Industries.
4. Kuri ibyo 3 hiyongereyeho no gukora imishinga yakirwa inkunga. Muri ino raporo izo ngingo uko ari 4 nizo turi buvugeho.

1. Irushanwa ry'umupira w'amaguru ryitwa Iddi Cup.

Iryo rushanwa ritegurwa n'urubyiruko rw'abayisiramurwitwa mu gihe cy'ukwezi kwa Ramadhan. Iry'uno mwaka ryatangiyeho taliki ya 15/12/97 risozwe ku muni w'Irayidi taliki ya 29/01/98. Iryo rushanwa ryitabiriwe n'amakipe 16 yari agabanijemo amatsinda 4, kandi buri kipe yari ifite abakinyi ba juniors batari muni y'imyaka 20 yamavuko. Iryo rushanwa ryahuje urubyiruko ruri mu mashuri cyangwa urwibera mu rugo bapfa gusa kuba batarengeje iyo myaka kandi badakina muri diviziyo iyo ariyo yose mu Gihugu. Uyu mwaka ikipe y'amaguru y'ishuri rya ESSI niyo yatwaye igikombe itsinze junior ya Rayon Sport ibitego 4-3 bya penariti kuko umukino wari warangiye 0-0. Usibye icyo gikombe nyine, babonye n'ibihembo bindi birimo n'imipira y'amaguru yo gukina.

2. Gusura ama Club yita ku mikino.

a) Gusura Club Rafiki.

Twasuye Club RAFIKI mu rwego rwo kumenya ibihakorera. Twaganiriye na Directeur wayo twumvikana ko buri gihe tuzajya tujyayo kugirango dufatanye mu kugira urubyiruko inama zigamije kurufasha gukora siporo mu buryo bunogeye. Twumvikanye kandi ko amarushanwa bakoresha bazajya babanza kubitumenyesha tukabyigana tukareba icyo bishobora kumarira urwo rubyiruko. Twumvikanye kandi ko buri gihe bazajya baduha raporo yibikorwa bakora mu rwego rwa siporo. Twanemeranije ko bagiye gushaka uko bazongerera igihe cyo kwitoza urubyiruko ruhakorera imyitozo.

b) Gusura UGACORWA Boxing Club.

Iyo Club ni iy'Abagande baba hano mu Rwanda bafite ikipe y'umupira w'amaguru none bashinze n'indi kipe ya Boxe .Bitoreza hariya ku Muhima hepfo gato ya Minisiteri y'Imali ku buyobozi bw'imisoro hakurya y'umuhanda.

Bakora imyitozo hafi buri muni. Bakoreraga hejuru ya Etage ituzuye kuburyo hari kuzabateza impanuka n'abantu bahita barabarangariraga ndetse n'abandi batuye aho bese barazaga kureba ugasanga byateza umutekano mucye. Hasi hari aho bababariza, twabasabye ko bajya muni yaho bitorezaga bakaba ariho bakomereza imyitozo yabo, kuko aho ngaho ho ntawe ubareba kandi n'abakinnyi ntampanuka byabatera kuko ari hasi kandi hariho igisenge cyiyo Etage bakoreraho hejuru. Haranishye kuburyo ntabo barangaza, ibyo barabyubahirije kandi barakora imyitozo yabo neza.

3. Irushanwa ry'Isiganwa ku Magare

Dufatanije n'Isyirahamwe ry'Amagare mu Rwanda, kandi tubitewe mo inkunga na Sulfo Rwanda Industries tariki ya 29/03/98 twakoresheje isiganwa ku magare iryo siganwa ryitabiriwe n'abantu 80 b'igitsina gabo na 2 b'igitsina gore. Urugendo bakoze rwari urwo kuzunguruka hano mu Muji unyuzze kuri stade Regional i Nyamirambo

Cine Elmay – Gakinjira – Rond Point Centre Ville – Gikondo – Remera (B.P.- FINA) – Kimihurura – Kacyiru (Minisiteri) – Kinamba 1- Route des poids lourds – Nyabugogo – Route Kadhafi- Centre Islamique Nyamirambo inshuro 3. Ku nshuro ya 4 bava kuri Centre Islamique Nyamirambo barangiriza kuri Stade Amahoro urwo rugendo rwose ruhwaye n’ibirometero 111 km.

Abo basore bose birutse, 42 nibo barangirije igihe kigenwe abandi 21 baje igihe cyarenze. Abandi barananiwe biviramo. Muri abo barangije kandi hazamo n’umukobwa umwe witwa Nyirarangwa Mediatrice. Hari n’abanyamagare 3 bagize impanuka ndetse umwe yarakomeretse cyane. Umugabo wa mbere yakoresheje 3h16’45’’ ni ukuvuga ko yakoze urwo rugendo afite umuvuduko w’ibirometero 33,97 Km/h. Ibyo birerekana ko abakinnyi bacu batitaje bihagije kandi gusiganwa bamaze kubyibagirwa cyane kuko uwa mbere yasizeho uwa kabiri iminota igera kuri 15 yose nawe uwa kabiri asiga uwa gatatu iminota irenga itatu kandi uwa kabiri yarakoresheje igare risanzwe ritagenewe amasiganwa kugirango ibyo bishoboke birasaba ko abo banyamagare babona amarushanwa menshi kugirango bongere bagere ku muvuduko wa 42Km/h bya mbere y’intambara. Dore uko 10 ba mbere bakurikirana.

Umwanya	Igare	Dossard	Izina	Aho aturuka	Imy aka	Igihe cyakoreshejwe
1.	C	13	MUSABYIMANA Charles	Nyaruhugeri-Butare	31	3h16’45’’
2.	O	9	Nsengiyumva Bernard	Nyakabanda Gitarama	46	3h 30’01’’
3.	O	3	Ruzindana Alphonse	Runda – Gitarama	25	3h 33’13’’
4.	C	52	Ngwijabanzi Felicien	Nyarugenge PVK	34	3h 33’15’’
5.	O	11	Munyawera Leonard	Runda- Gitarama	26	3h 37’ 25’’
6.	O	18	Hitimana Edmond	Nyamabuye Gitarama	24	3h 38’08’’
7.	O	10	Nteziryayo Theoneste	Nyamabuye Gitarama	29	3h 38’40’’

8.	C	54	Rwema Braza	Nyarugenge /P.V.K.	29	3h 40'03''
9.	O	17	Mugabo Christophe	Runda -Gitarama	25	3h 45'20''
10.	C	53	Mporwiki Joseph	Nyaruhengeri Butare .	23	3h 45'24''

C = Igare rya course (ryo gusiganwa)
O = Igare risanzwe

N.B: Aha twavugaga ko amagare asanzwe ariyo yari menshi kandi nibwo biruhuse kurusha abakoresheje amagare yabigenewe. Ibyo birerekanwa n'uko mu 10 ba mbere bane gusa nibwo bafite amagare yabigenewe. Amagare yisiganwa aracyabura rero kugirango umukino w'amagare urusheho gutera imbere.

Muri iryo rushanwa sulfo yahembye abantu 20 ba mbere n'abigitsina gore 2. Dore bimwe mubihembo byatanze:-

1. Uwambere n'uwa kabiri babonye amagare ya course n'ibihumbi (30.000 Frws) buri wese n'ibintu sulfo ikora bifite ka 6.000 Frws
2. Uwa 3,4,5 n'uwa 6 babonye amagare asanzwe hiyongeraho amafaranga. 40.000 Frws, 30.000 Frws 25.000 Frws na 25.000frws, hiyongeraho n'ibintu sulfo ikora bifite agaciro ka 6.000 Frws (n'amasabune, eau mineral n'ibindi) .
3. Kuva kuwa 7 kugera kuri 20 bagiye babona
4. ibihembo binyuranye kuva kuri enveloppe y'ibihumbi 30 kugeza kuri 5.000frws byiyongereyeho n'ibikorwa na sulfo bifite agaciro ka 6.000frws kugeza kuri 3.000frws. Ibihembo byose sulfo yahembye hamwe n'ibintu bishyizwe mugaciro k'amafaranga y'aba 1.231.000 frws. Hakiyongeraho rero aya Reception, publicite, guhamba abakoze uwo muni, ravitaillement n'ibindi kuburyo iryo rushanwa yose ryatwaye hafi Million eshatu (3.000.000Frws). Aha

nakwibutsa ko sulfo yahembye babakobwa 2 igihembo cya 25.000frws buri wese kandi uwari wambaye n° 55 bamuhaye 5.000frws kuko iyo n° ihuza n'isabune bakora. Komite National Olympique nayo yateye inkunga federation y'amagare yayihaye 300.000frws naho Ministri yateye inkunga Federation ayiha 200.000frws yemerera n'umukobwa wa mbere igare rigenewe amasiganwa.

4. Imishinga yakozwe.

Twakoze imishinga 4 turiho dushakira inkunga ariyo :

1. Umushinga wo gutunganya ibibuga bitanu biri muri Nyarugenge na Kicukiro.
 2. Umushinga w'athletisme y'urubyiruko ruri muri za Segiteri.
 3. Umushinga w'isiganwa ry'amagare (wararangiye).
 4. Umushinga w'irushanwa ry'umupira w'amaguru hagati ya PVK na Perefegitura ya Kibungo.
- Iyo mishinga yose ntabwo twari twayibonera inkunga usibye uwisiganwa ry'amagare sulfo yateye inkunga nk'uko mwabibonye.
 - Hari n'undi mushinga tutari twanonsoye urebana n'isiganwa ry'amapikipiki hano mu mujyi no munkengeri zawo, uzarangira vuba.

MU RWEGO RW'URWIBUTSO RW'ITSEMBABWOKO N'ITSEMBATSEMBA.

KOMINI KICUKIRO: Muri iyi Komini igikorwa cyo gushaka uko bashyingura mu cyubahiro inzira karengane kirakomeje kuburyo bagifitiye ubushake.

Hakaba hamaze gukorwa inama zigera kuri 8. Kubera ubushake bwo gushyingura abazize itsembatsemba n'itsembabwoko bakaba harashinze Komisiyo zigera kuri eshatu.

1. Gushakisha no kumenya aho ibyobo biri.
2. Gushakisha amafaranga yo kubafasha gushyingura no kugura ibikoresho.
3. Ubwubatsi rw'aho bazashyingura.

Komisiyo ishinzwe kumenya aho ibyobo biri, ibyo imaze kubona nibi:-

Segiteri:

1. KAGARAMA	7
2. KIMISANGE	27
3. GIKONDO	16
4. GATENGA	9
5. KICUKIRO	14

Byose hamwe bimaze kuboneka ni **73**

IGIKORWA CYO GUSHYINGURA MURI KOMINI KICUKIRO AHO KIGEZE MUBYAMAFARANGA.

Amafanga amaze kuboneka ni 4.926.850frws, inama yo kuwa 30/3/98 yavuzeko tuzongera imbaraga mugushakisha uko ayandi mafaranga yaboneka inama yongeraho ibyumweru bitatu tukazongera guhura ku ya 20/4/98, hakomezwa umunsi wo gutangira igikorwa cyo gutaburura no kubaka, bamaze kureba amafaranga yabonetse. Muri make igikorwa kirakomeje iyi raporo y'ibyobo ntabwo bivuga ko aribyose kuko hagomba kuba hari ibindi bitaramenyekana kuko tubura ababyerekana.

Ibi byakonzwe muri Komini Kicukiro byatewe n'uko bashinje ziriya Komisiyo uko ari eshatu zikaba zarafashije kugirango kiriya gikorwa kihute kigire n'igihe kirangira.

KOMINI : KACYIRU.

SEGITERI	SERIRE	ZONE	UMUBARE W'IBYOBO.	UMUBARE W'ABANTU BABIRIMO.
KIMIHURURA	KIMIHURURA RUGARAMA	Amahoro Mutara III ”	1 kunzu ya Rubangura 1 1	= 150 Abantu bagera 8 Bagera kuri 6
KACYIRU	KAMUTWA BIBAZA	Kanserege I Kagarama	2 k'urusengero rw'abapentekoti 2	60 30
REMERA	KIBAGABAGA KIMIRONKO	Butimba ”	3 5	198 359
GISOZI	GASHARU MUSEZERO GASAVE	Gasharu Famille protais et Samuel Croix rouge.	1 1 1	10 12 Abantu benshi batazwi umubare
KAGUGU	URUBANDA HAFI ya Segiteri		1 3	13 27

N.B Ibyobo s'ibi gusa , hagomba kuba hari ibindi bitaramenyekana kuko tubura ababyerekana. Abaturage bo ku Gisozi bavugako hari abantu babo bishwe batabwa mu cyobo kiri ku kiraro cya Muhima bise C.N.D. kandi ngo ni benshi cyane.

Muri iyi Komini ya Kacyiru hari Segiteri ebyiri zimaze gushyingura ni Remera na Kimihurura

- Remera yashyinguye Kibagabaga
- Kimihurura ishyingura Gisozi
- Kagugu babyikoreye bonyine bafatanije n'abaturage. Ntibivuga ko muri aya ma Segiteri birangiye ariko igikorwa bakigejeje ku rwego ruboneka. Hakaba hasigaye Segiteri ebyiri GISOZI na KACYIRU.
- GISOZI : batangiye igikorwa cyo gushakisha amafaranga ya koreshwa mugushyingura .

- Segiteri MUHIMA na Segiteri GISOZI hari icyobo kirimo abantu benshi kikaba kitaratabururwa gihereye muri Segiteri MUHIMA.

KOMINI: Nyarugenge.

SEGITERI	SERIRE	ZONE	UMUBARE W'IBYOBO	UMUBAREW'ABANTU BARIMO
MUHIMA	Kabuke Ruhurura	-	6 4	
GITEGA	Muduha Kinyange Gacyamu Kigarama	-	4 6 1 3	
CYAHAFI	Akanyange Akakirinda Agakinjoro	-	14 6 9	
BIRYOGO	Rwampara Agatare Biryogo Gabiro Rugunga.	-	11 14 9 5 9	421 1301 1002 111 245

N.B Muri iyi Komini ya Nyarugenge harimo amasegiteri cumi 10, amasegiteri 6 ntaratanga umubare nyawo w'ibyobo. Bakaba bakomeje gushakisha kumenya umubare nyawo n'igikorwa cyo gushyingura bakomeje kukijyaho inama bashakisha uko bashyingura mucyubahiro. Mbese ntamubare uhamye uratangwa w'ibyobo.

III. MU RWEGO RW'URUBYIRUKO.

- Hakozwe imirimo yo gukora umushinga wo kugoboka abana b'inzererezi. Uwo mushinga tuwufatanije na UNICEF ari nayo izatanga ibikenewe kugirango ushyirwe mu bikorwa.
- Hakozwe inama yahuje abahagarariye amashyirahamwe y'urubyiruko yavugagako afite ibibazo.
- Muri ASSETAMORWA (Ishyirahamwe ry'Urubyiruko rutwara amapikipiki ya taxi twashoboye gushyiraho Komite shya isimburana n'iyari isanzwe nyuma y'inama nyinshi twagiye dukorana. Twakemuye n'impaka bari bafitanye zo kutemera Komite bari baritoreye.
- Muri ATAVORWA (Ishyirahamwe ry'abatwara amataxi y'amavatiri, n'abo twabafashije gusimbura abagize Komite nyobozi dushyiraho ishya no gukorera igenzura abasimbuwe. Byaragaragaye ko mu rwego rwo gushyirahamwe Urubyiruko ariya mashyirahamwe ya KORA, ATOVORWA, ASSETAMORWA ndetse na ATAVE abidufashamo cyane niyo mpamvu dukorana nabo kenshi cyane mubikorwa byinshi.



GAHUNDA Y'IBIKORWA BY'UMWAKA 1998

URUBYIRUKO

IGIHE	IGIKORWA	ICYO KIGAMJE	IBIKENEME	UBURYO BYAKORWA
UKWEZI KWA	Gushimangira inzego z'urubyi-	Kubonera urubyiruko	Uburyo bwo kugera	Gutumiza komite zagi-
1 - 3	ruko zimaze kujyaho	aho runyuza ibitekerezo	ku rubyiruko.	yeho, tukaganira ku mikorere.
		Gukangurira urubyiruko		
		kwishyira hamwe.		
4 - 5	Gusura imiryango y'urubyiruko	Gusuzumira hamwe uko	Uburyo bwo kugera aho	Gukorana amanama na za
	ikorera muri P.V.K	imikorariye yabasha	bakorera	komite nyobozi z'iyi miryango.
	Gushakisha inkunga yabuma	kumera neza.	Kwandika amabwa ahereye	
	umushinga wo guteza imbere	Kumenyereza urubyiruko	keza uwo mushinga	Kubonana na za O.N.G
	urubyiruko rukora imirimo	gukorera hamwe.	no kubikurikirana.	kugirango tubivugane.
	inyuranye washyirwa mu bikorwa			
6 - 7	Kwita ku bana b'inzererezi	Gushyikirana n'abayo-	Ibigo byakwakira abo	Kwegera abana tukavugana
		bozi b'umushinga J.S.D	bana	nabo
		kugirango haboneke umuti	Ibikoresho byose	Gutunganya ibigo byakwa-
		w'ikibazo cy'abo bana.	bikenewe muri ibyo	kira abo bana.
			biga.	
8 - 10	Kuvugura inzego z'urubyiruko	Gushyiraho inzego zijya-	Uburyo bwo kugera ku	Gukoresha amanama mu
	zagiyeho.	nye na Politiki ya MJF-	rubyiruko.	masegitari n'amasselire.
		SCAFOP mu rwego rw'uru-		
		byiruko.		

- 10 -

IGIHE	IGIKORWA	ICYO KIGAMUJE	IBIKENWE	UBURYO BAKORWA
11	Gusura urubyiruko rwose rwashoboye kwibumbira mu mashyirahamwe.	Kureba ibyo bashoboye kugeraho.	Uburyo bwo kurugeraho.	Kubonana na Komite-nyobozi no gusura ibikorwa.
12	Gusuzuma ibyakozwe n'ibitarakorwa.	Kumenya ibitarakozwe byari biteganijwe, n'impamvu bitakozwe.		Kureba raporo y'ibyakozwe.
	Raporo.			
	2. IMIKINO			
1 - 3	Gutegura amarushanwa ngororangingo mu masegiteri.	Guhuza urubyiruko rwo mu masegiteri no kurukundisha imikino ngororangingo.	Imyambaro y'abakinnyi bazaba baratoranijwe.	Kugenda duhuza abakinnyi ba za serivisi zose za segiteri, abeza bazahurira mu rwego rwa Komini na Perefejitura.
	Gutunganya ibibuga by'umupira by'umupira w'amaguru	Kubonera urubyiruko aho rukinira.	Ibihembo by'abakozi.	Gusaba P.A.M ko yadutera inkunga mu rwego rwa Food for Work.
	Isiganwa ry'amagare mu Mujyi wa KIGALLI.	Kongera kubyutsa ikipe ya Perefejitura y'abasiganwa ku magare.	Ibihembo binyuranye.	
4 - 6	Gufatanywa n'abashinzwe amashuri mu gutegura irushanwa ry'amashuri ry'imikino : Ngororangingo	Guteza imbere imikino mu mashuri no kubona abakinnyi babishoboye muri icyo mikino baserukiye P.V.K mu rwego rw'igihugu.	Ibihembo by'abazaba ababere n'agahimbazamu- syi k'abazadufasha kubitegura.	Guhuriza hamwe urubyiruko ko rwo muri ayo mashuri yose yo muri P.V.K muri ayo amarushanwa kugirang ubusabane bw'iyongere.
	* Umupira w'amaguru			
	* Umupira w'amaboko V.B na B.B.			
	* Ping-pong			

IGIHE	IGIKORWA	ICYO KIGAMTJE	IBIKENWE	UBURYO BYAKORWA
7 - 11	- Gutegura no gutangiza irushanwa ry'umupira w'amaguru w'urubyiruko rukora imirimo inyuranye muri P.V.K (Edition 1988).	- Gukomeza gahunda yo guhuza urubyiruko ngo rusbane.	- Imipira yo guha amakipe azitabira iryo rushanwa hamwe n'ibihembo by'amakipe ane azaba aya mbere.	- Gucisha itangazo kuri radio risaba amakipe kwiyangikisha. - Gutegura umuhango wo gutangiza irushanwa ku mugaragararo iryo rushanwa.
12	- Raporo y'ibyakozwe mu mwaka wa 1988. - Gahunda y'ibizakorwa mu mwaka w'1999.	- Kugaragaza mu nyandiko ibyakozwe muri uwo mwaka. - Gukorerwa kuri gahunda igaragara.	- Raporo y'ibyaagiye bikorwari mu bihembe.	- rushanwa.
1 - 3	3. <u>UMUCO</u> - Gusura : * Abakora ubucuruzi bwo kwerekana Video * Abahanzi muri rusange	- Kunvikana kubyo bakwerekana urubyiruko bitarutשה umurongo. - Kumenya amatorerero yose ari muri P.V.K n'ibibazo ahura nabyo kugirango habeho ubufatanye mu kubishakira umuti. - Kumenya amaorchestre yose, abariramba ku giti cyabo, (sollistes) , abasizi, abandi tsi...	- Uburyo bwo kugera aho ubwo bucuruzi bukorerwa.	- Kugera aho bakorerwa tukajya inama.
	- Gukorana amanama n'abahanzi.			
	- Gushinga komite y'abahanzi muri <i>Nyiranga</i>	- Gushyiraho umuyoboro abahanzu bazajya kunyuzamo ibyifuze byabo.		- Gutumiza inama maze hakaba amatora ya komite



IGIHE	IGIKORWA	ICYO KIGAMIJE	IBIKENEME	UBURYO BYAKORWA
3-6	- Gushakisha aho ibyobo byatawe- mo inzirikarengane muri P.V.K biri.	- Gushyiringura mu cyubahiro inzirikarengane.	- Uburyo bwo kugera aho ibyobo biri.	- Kugirana amanama hamwe n'abayobozi.
6 - 11	- Gushyiringura inzirikarengane mu cyubahiro. - Kubaka inzu z'urwibutso.	- Kweruka abanyarwanda ubunya- maswa bwakorewe abazize itsembabwoko n'itsembatsemba	- Ibikorasho bya ngombwa bijyanze n'iyi mihango.	- Gukorana amanama n'abayobozi hamwe n'abatwajije ababo muri ayo marorerwa.
		kugirango ntibizibagirane.		

